*Repubulika y'u Rwanda*
*Umujyi wa Kigali*

# *Akarere ka Gasabo*

## ITANGAZO
## ABARIMU BIFUZA GUHINDURA AHO BAKORERA

Akarere ka Gasabo karamenyesha abarimu bose bifuza guhindura aho bakoreraga (Internal& External Transfers), ko itariki yo kwakira dosiye zabo ari ku wa 01/09/2021-07/09/2021 ku biro by'Akarere ka Gasabo. Hakirwa "Hard Copies" gusa. Ibyangombwa bisabwa ni ibi bikurikira:

**Abarimu bifuza kwimukira mu Karere ka Gasabo bavuye mu tundi Turere:**

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo;
- Icyemezo kigaragaza ko yagize amanota y'isuzumabushobozi ari hejuru ya 70% mu mwaka wa nyuma aheruka gukorerwa isuzumabushobozi;
- Icyemezo kigaragaza ko afite imyitwarire myiza gitangwa n'Umurenge, hamaze kugishwa inama Ubuyobozi bw'Ikigo cy'ishuri umwarimu yigishamo;
- Icyemezo cy'Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere kigaragaza ko ikigo/ibigo asaba kwimurirwaho hari umwanya;
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe;
- Fotokopi y'ibaruwa y'akazi ya burundu;
- Fotokopi y'impamyabumenyi igaragaza ko yize Uburezi;
- Fotokopi y'indangamuntu.

**Abarimu basanzwe bakora mu Karere ka Gasabo bifuza kwimukira ku kindi/bindi bigo byo mu Karere ka Gasabo:**

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere igaragaza impamvu yumvikana ituma yifuza kwimuka, ikigo/ibigo yifuza kwimukiraho n'Umurenge bihherereyemo;
- Fotokopi y'ibaruwa y'akazi ya burundu;

**Bikorewe i Gasabo, ku wa 31/08/2021**

AKARERE KA GASABO

**UMWALI Pauline**
**Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo**